REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'EDUCATION NATIONALE

PROJET

doc (1)

page (21)

1/02/1978

MINISTERE DE L'EDUCATION NATIONALE
DIRECTION GENERALE DE LA CULTURE
ET DES BEAUX-ARTS.-

Projet de Représentation Dramatique:

"Passion de LYANGOMBE"

ou Igitekerezo cya LYANGOMBE

Texte : Chanté par KAJUGUTA

enregistré et transcrit par MANIRAGABA-BALIBUTSA
mis dans la forme dramatique par J.C.NSABIMANA

Kigali, le 1er février 1978.

# I G I T E K E R E Z O

## CYA LYANGOMBE UKO CYAVUZWE NA KAJUGUTA MU NANGA.

### I. ABAKINNYI :

1. **LYANGOMBE** : Ni umugabo w'igikwerere. Akina yambaye inkota mu bitugu. Afite icumu n'imyambi n'umuheto. Yambaye akenda akenyeye gusa. Ntacyo akinze mu bitugu. Mu mutwe no mu gituza yambaye imigara. Yambaye ibitare n'imilinga n'ibigomero.

2. **NYIRALYANGOMBE**.

Ni umugore mukuru akenyeye inkanda kandi yiteye akenda gato mu mabere. Atamilije impumbya n'ishyira mu mutwe n'urugoli. Kandi yambaye ubutega n'imilinga n'ibitare. Yicaye ku ntebe y'inyarwanda. Arajonjora imbuto.

3. **BABINGA BA NYUNDO**.

Ni umusaza. We yilyamiye ku kirago ahitaruye. Aranywa agatabi mu nkono y'ikinyarwanda. Umwe mu baja aranywa amata kandi aracunda amata hafi ye. Undi amwicaye hafi.

4. **NYIRASENGE WA LYANGOMBE**.

Ni umugore muto w'iliza. Yambare nk'abakobwa, usibye ko ali butege urugoli n'impumbya byerekana ko ali umugore.

5. **UMUTWA WA LYANGOMBE**.

Yambaye ishabure. Yitwaje ubuhili. Afite ikembe mu ntoke n'ibinyuguli. Ntareke umuco mwiza w'abatwa wo gusetsa no gushyenga. Ahora hafi ya Lyangombe.

6. **BINEGO BYA KAJUMBA**.

Ni Imandwa cyane. Bamwambike nk'imandwa rero. Yitwaje inkota n'amacumu. Ni umugabo w'igikwerere.

7. **MPUMUTUMUCUNNYI**.

Ni umugabo mukuru w'amahane. Akina iteka ku gisoro. Rero agendane n'ubusoro. Yambaye akenda akenyeye gusa. Bashobora aliko no kumwambika ishabure.

8. **UMUCURANZI W'INANGA**.

We rero ntabwo ali umukinnyi ahubwo ni umunyamihango. Yambare rero nk'aho yambaliye umulimbo. Abe rero afite inanga ye nziza. Yicara ahitaruye kandi iteka aba ali wenyine.

9. ABAPFUMU BA LYANGOMBE 8.

Abapfumu ba Lyangombe uko ali 8, bose babe bafite impinga zabo n'inzuzi. Bicaye kandi umwe ukwe undi ukwe

## II. Aho bakinira.

Aho bakinira hubakwe urugo rw'ikinyarwanda. Rufite inzu, rufite inkike zombi. Hubakwe kandi ku bulyo budakabije, amazu y'abapfumu ba Lyangombe. Muli ayo mazu, ni naho bazashyira urugo rwa Nyirasenge. Niho hazaba kandi n'urugo rwa Babinga no kwa Mpumutumucunnyi. Ayo mazu y'abapfumu, urumuli rujye ruyamulika buhoro; kereka igihe ali ngombwa. I Kambere ni kwa Nyiralyangombe. Kure kandi umuntu nahareba abone haboneka ishyamba, n'intoke mu gihe cy'agasusuruko. Ubwire buzakorwe igihe ali ngombwa, aliko ubundi iki gitekerezo kizabe mu gice kinini cy'amanywa. Ubwire bukabije buzagaragare igihe Lyangombe azaba yapfuye imandwa ziliho ziboroga zimulilira.

Aho bakinira kandi hazategurwe kinyarwanda, ntihazagire umuteguro n'umwe wa kizungu uhagaragara. Kubera ko ibi byose byabaye mbere y'umwaduko wabo mu Rwanda. Nibabishobora, bazajye babonesha aho bakinira n'umuliro wa Gihanga. Ibikoresho byose bizabe ibinyarwanda. Ubwo rero ntihazabure ikirago, ngo habure amashyiga y'iziko, ngo habure ibyansi biteretse amata, ngo habure amacumu n'imiheto n'ibindi.

Bibuke ko imandwa zitagira isuku cyane. Ntibazahangayikwe rero no gukora isuku ya kizungu, ahubwo bazite ku bimenyetso byinshi bigaragaza umuco wa kinyarwanda kibandwa. Nibajya kwicaza ziliya mandwa, baramenye ntibazazishyire ku murongo. Ahubwo bashobora kuzicaza ahantu hatalinganiye, zimwe zikaboneka hejuru y'izindi. Ibyo ni ukugirango humvikane rwose ya mpamvu bavuga imandwa nkuru n'into.

Igihe cyose bazaba bakina, ibyuhagiro bizakomeza guterwa n'abo bazaba bafasheho kuba abaja ba Lyangombe na Nyiralyangombe. Kandi rero, bazahore balirimba umuhara w'imandwa, kuko ali nta gihe imandwa ziba zicaye ubusa. Ibyo kandi bizatera ababireba kutarambirwa.

## III. IBIKORESHO.

Usibye ko hali ibindi bazajya bongera mo bitewe n'aho bakinira kandi n'igihe bakina, ubundi, dore ibikoresho twasanze ali ngombwa ko byakoreshwa. Twibutse ko atali ibyo gusa.

| | | | |
|---|---|---|---|
| Amacumu : .................... | 10. | Urutaro ............... | 1 |
| Inkota | 4. | Ibishyimbo ............. | |
| Igisoro | 1, | Inzogera ............... | 4 |
| Ubusoro | 32. | Ibyuhagiro ............. | 2 |
| Imiheto .................... | 4. | Impuzu n'ishabure z'abakobwa. | |
| Imyambi | 12. | Inkanda z'abagore | |
| Imitana | 4. | Imilinga | |
| Ibigomero | 4. | Ibitare | |
| Ibinyuguli | 4. | Ubutega | |
| Intango | 3. | Ibitare by'abagabo | |
| Uducuma tw'inzoga ........... | 4. | Imigara | |
| Imiheha y'urwagwa | 4. | Ishyira lya buli mandwa nkuru | |
| Igisabo | 1. | Imyenda mike yo hambere | |

IV. <u>Uko bagikina:</u>

Iki gitekerezo kirakinirwa mu rugo rw'ikinyarwanda. Urwo rugo rufite inzu n'inkike zombi. Umucuranzi w'inanga abe yicaye ku ntebe y'ikinyarwanda, ahitaruye. Nyiralyangombe nawe, yicaye ku ntebe y'inyarwana. Ateze urugoli n'ishyira, akenyeye inkanda y'ibihogo. Yambaye ku maboko imilinga. Yambaye ibitare n'ubutega. Mu rundi ruhande, abakobwa be bicaye ku kirago. Bakenyeye uduhu tw'udushabure. Inyuma ni igihe cy'agasusuruko ka mu gitondo. Muli icyo gihe rero habanza kuvuga ingoma. Ntibazibagirwe ko Lyangombe uwo bagiye gukina ali umwami.

## I G I C E   C Y A   M B E R E .

Umucuranzi w'inanga niwe utangira ......

Lyangombe lyanjye, Lyangombe .... yewe Lyangombe !

Lyangombe nyamusuzumisha umusore umusonga bakamubwirwa n'umwaniro.

Lyangombe nyamutwaza ijoro kw'ijanga bwajya gucya akalihaza imilindi y'ingoma n'iy'imandwa yawe Biganiro. Mbe Biganza bigaba amaliza amashashi akazakugwa mu nda. Nyagasani karasana gaseka atishikuye inka y'ubukombe bwa Mugumya, utagira ngo ndi mugucuranga ndi mugucura intundugu intunguli niyumvire Mana y'i Rwanda uranyumve.

Lyangombe ni Rukaraba nkaba. Lyangombe..............

(Hinjire Lyangombe.) Uko yambaye kandi byavuzwe.

- Lyangombe yaragiye mu gitondo amaze kubaka urugo aragenda ajya kwa nyina Nyiralyangombe ..... Yewe Lyangombe !

  Amaze kugera kwa nyina Nyiralyangombe.........

- Nyiralyangombe :

Ese Lyangombe mwana wanjye uje gusenga iki ?

- Lyangombe :

Nje gusenga umuhigo

- Nyiralyangombe :

Mwana wanjye rahura umuliro ujye mu nzu yo mu gikali.

- Inanga :

Maza Lyangombe arahura umuliro ajya mu nzu yo mu gikali.
Amaze kugera mu gikali nyina Nyiralyangombe abyutsa Babinga ba Nyundo
Ati ngwino Lyangombe lyawe yageze mu gikali.

( Hinjire Babinga ba Nyundo )

- Inanga:

Maze Babinga ba Nyundo aragenda ageze mu gikali
Arabonekerwa haza Nyagasani karasana gaseka, Njishi ikwiye inka
y'ubukombe bwa Mugumya Nyamutangira inka mu biganiro abatindi
nk'aba bakazasigara bayita indagizo.

- Babinga ba Nyundo :

Ese Lyangombe lyanjye, mwana wanjye ni iki ?

- Lyangombe :

Nje gusenga umuhigo.

Babinga ba Nyundo :

Umuhigo ndawuguhaye aliko mwana wanjye urazampe akamasa.
Aliko ubwo ugera mu rugo ubanze usenge imandwa ya nyoko
Nyiralyangombe, usenge n'imandwa ya Babinga ba Nyundo.
Maze mwana wanjye ugende umuhigo ndawuguhaye.

Inanga:

Maze Lyangombe ngo agere mu rugo, asenga imwandwa ya nyina Nyiralyangombe,
asenga n'imandwa ya Babinga ba Nyundo . Ngo agere mu rugo asenga
imandwa ya Lyangombe lye.
Lyangombe, Lyangombe uli Minyago
Lyangombe uli Bamara
Maze Lyangombe aragenda akuba urukubo rw'inzogera

( Uruvange rw'imyasiro y'abahigi n'umulya w'inanga)
Lyangombe acira na Nyamubikana-umuranzi-uruguma
n'Inko-y'umupfu-ntibura-ikiyimara
n'Urunyabutongo-rutoto
n'Urusogi rw'umwanganyi
na Kamira-ntibahwere
n'Emwe-nyina aramuzi-azamuhana

na Baliye-muliya

n'Uruzotsa-urundi rw'i Nyamirembe

na nyina wazibyaye zose

Inkanda-zirahishira

Iyo n'imbwa ya Lyangombe

n'Uruciye-munsi-ntamenya ikirulimo iyo ni imbwa ya Lyangombe

Yewe Lyangombe! Mbanzwe ngiye kubandwa. Ngiye kubandwa jyenyine

Mana y'i Rwanda kandi nanjwe nali mu ijana lyinshi yewe Lyangombe.

Maze imandwa zirasuma, zimaze gusuma Lyangombe !

( Lyangombe agende )

Lyangombe ajya mu ishyamba linini litutirwa, lidatutirwa ilya Gatera na Kayovu yagiye mu muhigo. Akagira umuheto Bugurububi n'urubangiro, yawuranvuye mu ishyamba. Ilyo linini litutirwa lya Gatera na Kayovu yagiye guhiga. Inzovu yawikubyeho ntiyakuraho n'ibango lingana ibanga ly'imandwa ya Lyangombe lyanjye Lyangombe, maze Lyangombe yewe Lyangombe !

Maze Lyangombe arakunda ajya mu muhigo, Lyangombe yica impala yica imparage, yica isunu, yica isatura, yica isibira, yica indonyi yica ingwe n'umugwegwe, yica intare batinya Rwamirenge, yica inzovu n'umuyovu wayo, yica inturu n'umuturu wayo, yica imondo n'umumondo

Maze Lyangombe mu kuva mu muhigo yikoreye iminyago

Maze ahura na Nyirasenge mu Bucyaba bwa ruguru i Buha

( Hinjire Nyirasenge )

- Nyirasenge :

Mbe mwana wanjye ibyo ni ibiki wikoreye ?

Lyangombe :

Umva Nyogosenge izo ni impu nikoreye

Nyirasenge :

Mwana wanjye, niba halimo agahu k'imondo wampaye agahu k'imondo Lyangombe !

Lyangombe :

Umva nyogosenge, igendere ninkaronka nzakaguha ngiye kubanza kumulika umuhigo Nyagasani.

(Nyirasenge agende )

Inanga :

Lyangombe ngo agere mu rugo arondeka umuhigo . ( avuga ibyo yishe )

Nyagasani aramuhonekera ati :

Nyagasani :

Mbe mwana wanjye uliya muntu wagusabye agahu wabaye wakamuhaye ko wanduye ?

Inanga :

Tsinda Lyangombe, Tsinda Bamara, Tsinda Minyago.

Lyangombe :

Nabanje naza kukumulika umuhigo

Nyagasani :

Ese mwana wanjye ko wanduye uzajya kubona ubone wanduye.

Inanga :

Abandi bagirango kubona ni ukuronka naho ni ukuzaheka akazingo mu ngombyi. Ngizo imandwa. Uramenye ntugirengo ndi mu gucuranga, ndi mu gucura indundu ngo unyiyumvire, Mana y'i Rwanda, Biganza bigaba amaliza amashashi azakugwe mu nda

Mana y'i Rwanda uranyumve.

Maze Lyangombe se Babinga ba Nyundo, mu gitondo ararwara ararembа.

Amaze kurwara amaze kuremba, ahamagara Nyiralyangombe.

Babinga :

Nyiralyangombe, mpamagalira Lyangombe lyawe, maze Lyangombe aze mubwire.

Nyiralyangombe :

Lyangombe ngwino witabe Babinga ba Nyundo arenda guhwera

Babinga ba Nyundo:

Lyangombe lyanjye waje ?

Lyangombe :

Naje.

Babinga ba Nyundo :

Mwana wanjye Lyangombe

Nkwise Nyamusuzumisha umusore umusonga bakazamubwirwa n'umwaniro

Mwana wanjye nkwise Nyamunyaga izibuliwe izitabuliwe uzazinyagana inkingi n'inyugaliro yazo. Mwana nkwise Nyamutwara ijoro ku ijanja nilyanga gucya, uzalihaze imilindi y'ingoma n'iy'imandwa zawe Biganiro, aliko mwana wanjye hamagara izo mbwa zawe uze ngutume.

Inanga :

Ahamagara Bakosha badahannye, ahamagara n'Uruzotsa urundi rw'i Nyamirembe na nyina wazibyaye zose Inkanda zirahishira n'Urunyabutongo rutoto n'Urusogi rw'umwange nyirakamira ntibahwere,

n'Emwe nyina aramuzi azamuhana na Baliye muliya

n'Inkono y'umupfu ntibura ikiyimara,

dore n'Uruciye mu nsi ntaba azi ikirulimo ni imbwa ya Lyangombe.

Na bahanira mu muyaga ni imbwa ya Lyangombe

Lyangombe :

Imbwa nazihamagaye.

Babinga ba Nyundo

Maze mwana wanjye cyo genda ungire kwa Nyogosenge mu Bucyaba bwa ruguru i Buha.

Inanga :

Nyirasenge yali i Bucyaba bwa ruguru i Buha. Maze Lyangombe aragenda.

( Lyangombe agende koko )

( Aha rero habe imyasiro y'abahigi, kuko Lyangombe agenda ajya guhiga.)

Inanga :

Maze Uruzotsa urundi rw'i Nyamirembe yavumbuye impongo muhango. Maze impongo yayihize ibyumweru bitatu mu cya kane aragenda asanga irandamwe mu mulyango imbwa zayinize.

( Hagaragare Nyirasenge aho bazaba bamwubakiye )

Nyirasenge :

Mbese bahungu babyeyi babyaye izo ni imbwa za Lyangombe ?

(Lyangombe ubwo nawe agaragare kwa Nyirasenge )

Lyangombe :

Mbe Nyogosenge, impongo yankerereje, none ubwo imbwa zimaze kuyica ngwino tugende nakererewe.

Nyirasenge : ( Aze amutege amatwi. )

Lyangombe :

Babinga ba Nyundo yantumye ngo ngwino tugende akurage arenda kugenda, ngo arenda kwigendera.

Nyirasenge :

Mwana wanjye ntekeye abahinzi nenda guhemba muli Nyakidebe. Aliko mwana wanjye ngubwo ubudehe butazava ku mutima w'umuntu. Nicyo gituma umuntu yibuka ibya kera.

Inanga :

Tsinda Lyangombe Tsinda Minyago, Tsinda Ngoma ijana. Maze Lyangombe, maze Lyangombe aratetererwa.

Nyirasenge :

Ngiye guhemba abahinzi muli Nyakidebe

Inanga :

Maze Nyirasenge arateka aragenda, ahemba abahinzi muli Nyakidebe, ahemba umuraliranyo. Amaze guhemba umuraliranyo arazamuka, amaze kugera mu rugo abwira Lyangombe :

Nyirasenge :

Ngiye kwihungura ho akanya gato, turagenda inkoko zimaze kwanaga. Maze baralyana.

( Ahangaha rero, abakinnyi bararuhuka bose. Hasigara gusa abakwobwa babyina izindi mbyino zitagize aho zihuliye n'imandwa zo guhoza no kubikira abalyamye. Wa mucuranzi w'inanga abacurangire indi nanga ishimisha. Banalirimbe ibihozo. )

## IGICE CYA KABILI.

Mbere yo gutangira, babanze balirimbe umuhara w'imandwa, bavuze inzogera za Nyabirungu n'iz'umuzana. Abahoza bahoze. Abakobwa rero balirimbe, abagabo bivuge. Bahabwe inzoga banywe n'amata y'abakobwa, ndetse bahabwe n'umutsima w'imandwa. Baboneshe bukeya, byo kwerekana ko batangiye mu gitondo. Nyiralyangombe arahali. Yambaye nk'uko byavuzwe haruguru. Niwe kandi utetse inteko y'imandwa. Hali ikibuguzo kwa Mpumutumucunnyi, n'ubusoro bwacyo n'inkota irambitse aho hafi, aliko ku bulyo abareba bayibona. Hubatswe ingo zose z'aho Lyangombe azajya kuraguza n'i Buha. Ziliya ngo ntizimulikwe cyane igihe cyazo kitaragera. Lyangombe yambaye nk'abahigi. Nyamara atangire nk'umuntu ufite ubwoba n'inkeke ku mutima. Nyirasenge aracyalyamye, nawe Lyangombe atangire amwicaye iruhande.

Lyangombe :

Nyogosenge ngwino tugende.

Nyirasenge :

Reka mbanze nihungure ho gakeya.

Inanga :

Nyirasenge arahaguruka akenyera umuraliranyo. Isaha sita yagiye kuba maze Lyangombe aba arateterewe.

Lyangombe :

Nyabura Nyogosenge ngwino tugende

Nyirasenge :

Mbese mwana wanjye wibuke ka gahu k'imondo wanyimye mu Bucyaba bwa ruguru i Buha. Ngaho impamvu n'imvano yabyo. Maze mwana Lyangombe igendere sinkigiye. Babinga ba Nyundo yarapfuye.

( Lyangombe aragenda agana kwa Nyiralyangombe )

Inanga :

Amaze kugenda asanga nyina Nyiralyangombe amalira yaramukanye
Asanga Mpumutumucunnyi ali umugaragu wa Babinga ba Nyundo,
Mpumutumucunnyi ni mwene Nyirakagoro, Kagoro ka Nganjya ka Mpwempwe,
Muzana twanganye-twarwanye-twanganye utwampempwe.

Asanga yanyaze ubuka bw'ubukara bwakamwaga ubuta bw'ubukara butungutse i Hangiro lya Kamujwali,
Asanga Kalinga na Nyamuganza,
Asanga ubwiru n'ingoma, ibintu byose yarabikukumbye yarabijyanye.

Nyiralyangombe :

Mwana wanjye, mwana uli mu kujya he ? Lyangombe ?
Urugo baruhinduye umwisheke. Mpumutumucunnyi yararucoceje

( Mpumutumucunnyi avugira iwe . )

Mpumutumucunnyi :

Mbe babyeyi babyaye nimujye kunzanira Lyangombe.

(Lyangombe asanga Mpumutumucunnyi aliho abuguza, barabuguza Mpumutumucunnyi atsinda Lyangombe; nibwo rero atangiye kumwirataho n'inkota ).

Mpumutumucunnyi :

Ngukuye isunzu ly'ubugaba n'ubugabo, kandi nakunyaze ubuka bw'ubukara bwakamwaga ubuta bw'ubukara bungutse i Hangiro lya Kamujwali. Nkwatse ingoma yose........
Maze Lyangombe ngaho hoshi genda uzagaruke umunsi w'ejo tujye ku kibuguzo.

Inanga;

Maze mu gitondo kare kare Lyangombe aragenda. Barasubira barabuguza Mpumutumucunnyi ali umugaragu wa se arasubira aramutsinda.
( Yongera ku mwirataho na none n'inkota kwa kundi kwa kare. )

Mpumutumucunnyi :

Lyangombe genda umunsi w'ejo ninsubira kugutsinda ubwa gatatu nzakwica.

( Lyangombe agende ajya kwa Nyiralyangombe )

Nyiralyangombe :

Mbe mwana wanjye ko wahindutse umuyumbu ukaba wijimye ni iki ?

Lyangombe :

Uko nijimye ni uko Mpumutumucunnyi ankuye isunzu ly'ubugabe n'ily' ubugabo, akaba angaraguye inkota ya Babinga ba Nyundo ku ijosi.

Nyiralyangombe :

Mwana wanjye wibuke icyo wavuze. Genda ujye mu nka ujye kureba no akamasa k'urubogo.

( Lyangombe agende )

Inanga :

Maza Lyangombe aragenda areba akamasa k'uruhogo, arakazana agashyira mu ndaro, amaze kugashyira mu ndaro yo mu gikali agakiza Kirateta na Kiradabagira.

n'agatungato kose n'izindi nyama

n'ibitabazi by'ababyeyi

n'agahanga ka Bwiru

n'itabo ly'abakuru

n'agaseterezo k'abatware.

Utundi tunyama yadukubiye mu nkono

Ahamagaza Uruzotsa urundi rw'i Nyamirembe nyina wazibyaye

Inkanda zose zirahishira

Urabyumve Karenzo ka Semaya, Kalima ka Mwenge, urabyumve ibyo wasize umbwiye, Maze araterekera, amaze guterekera, utundi tunyama amaze kuturangiliza mu nkono, maze aragenda Lyangombe arakunda ajya kwa Nyirasenge i cyaba bwa ruguru i Buha.

( Lyangombe agende rero ajye kwa Nyirasenge.)

Nyirasenge :

Mbe Lyangombe lyanjye ko uli kugenda wuhanya iki gihe ibyuya bikaba byakurenze ubaye iki ?

Lyangombe: Ndi mu kujya mu muhigo.

Nyirasenge :

Aliko mwana wanjye ubwo uli kujya kuraguza ubanze kwa Nyagakecuru i Bugoyi.

( Aragenda )

Lyangombe :

Mbe Nyagakecuru i Bugoyi, ndagulira uli umupfumu ndi umugabo

Nyagakecuru :

Indagu yawe ntayo mfite, ifite Nyagasaza i Busanza.

Nyagasaza : Nta ndagu yawe mfite; indagu yawe ifite Gitota cya Gihanya

Lyangombe : Mbe Gitota cya Gihanya ndagulira uli umupfumu ndi umugabo we kagira inka n'ingoma ingobyi yaguhetse ntikazacike imijisho.

Gitota :

Nta ndagu yawe mfite, indagu yawe ifite Ruhinda rwa Bururungu.

Lyangombe : We Ruhinda rwa Bururungu, ndagulira uli umupfumu ndi umugabo.

Ruhinda :

Nta ndagu yawe mfite, indagu yawe ifite Ruhinda rwa Nyamurerwa.

Lyangombe : Mbe Ruhinda rwa Nyamurerwa ndagulira ulu umupfumu ndi umugabo.

Ruhinda :

Igendere nta ndagu yawe mfite, indagu yawe ifite Nyamuzinda umwami w'abazimu n'abazima.

Lyangombe :

Mbe Nyamuzinda umwami w'abazimu n'abazima, ndagulira wo kagira inka n'ingoma we ingobyi yawe yaguhetse ntikazacike imijisho.

Inanga :

Uwo ni Lyangombe Ngomijana Minyago.
Tsinda Lyangombe, tsinda Lyangombe, tsinda Minyago, tsinda mandwa nkuru.

Nyamuzinda :

Umva Lyangombe mwana wanjye, ndakurora uli Lyangombe aliko uli igikenya, uli giheza-bugingo, uli ibilyo by'imonyo,
Mwana wanjye Lyangombe, mwana wajye uzazira urukwavu rutagira ishyira, uzazira inyamanza itagira umulizo, uzazira imondo y'ukuguru kumwe y'ugutwi kumwe, uzazira inkware y'ibaba limwe
Lyangombe, kandi mu kujya gupfa uzazira Nyakiyumbu gihetse imbebe kizaba kilindiye mu mugina n'icyana cyacyo, imbogo y'ihembe limwe Rwabuhayirwa: Lyangombe Lyangombe, Lyangombe ....

Maze Nyamuzinda ati: mwana wanjye igendere, aliko Lyangombe ikizagukiza mwana wanjye ni uliya mukobwa bazaba bali mu mugezi, balimo koga, bali kuvoma. Aliko mwana wanjye nibo uzavanamo umukobwa uzabyara uzagukiza Mpumutumucunnyi ali umugaragu wa so. Aliko Lyangombe mwana wanjye Lyangombe, Igendere wigire kwa Canamirundi hagati y'Ubunyoro n'ubunyambo mwana wanjye, maze uzagende Lyangombe, uzasange Canamirundi acanye ku murundi, maze mwana wanjye uzagende uzamubwire uti: Canamirundi, mpa umuliro. Azakubwira ngo ngaho ikorereho wishyilire ku nkono. Uzamubwire uti ntihira. Azakubwira ati : ubwo wanze gushya ngaho ihe umuliro. Maze uzahamagare umutwa wawe.
Maze umutwa wawe azaguha ubushingo ati: Uzabushinge uzashyire ku nkono. Maze Canamirundi azakubwira ati: aho ga Lyangombe, nawe genda uli umugabo. Ati maze lero Lyangombe ikiyaga kizatuma
Maze Canamirundi azahaguruka, aliko uwo mulinga w'umuliro nyoko yaguhaye, uzawushyire muli iyo nzoga y'inkangaza, mu kabindi muliya, maze nimumara kwanura amamera, ikiyaga kizatuma.
Maze Canamirundi azicara mu nkike ya ruguru, uzicare mu nkike yo hepfo. Uzamubwire uti: Canamirundi uli umupfumu ndi umugabo ndagulira. Azakubwira ngo mzanira iliya nzoga y'umulinga.

Uzabwire Nyakagaragu umugaragu w'umugabo, maze azazane inzoga y'inkangaza ilimo uliya mulinga nyoko yaguhaye w'igihindo. Maze azayisoma Canamirundi;- azayisoma azayikonoza, azakozamo ukuboko akuremo uliya muhinga. Maze azawugwandika ku kuboko kwe, Azakuragulira.

Inanga :

Tsinda Lyangombe tsinda Lyangombe yewe Lyangombe, Urumve Mana y'i Rwanda, urumve biganza bigaba amaliza amashashi akazakugwa mu nda; urumve Nyamutangira inka mu biganiro, biganza bigaba amaliza, utagira ngo ndi mu gucuranga ubwo ndi mu gucura indundu ngo unyiyumvire. Maze Canamirundi yigira mu bulili, amaze kujya mu bulili, maze Canamirundi abwira, umugore we ati: (ubu aliko Lyangombe niwe uzaba abwirwa, rero ashobora kuba aliwe wiyumvira iyi ndagu)

Yabaye ali jye Lyangombe
nali ndahura n'iliya mondo itagira ugutwi itagira ukuboko
itagira umulizo; maze imbwa zayihiga nkayigarura maze
kandi nahura n'iliya nyamaswa itagira umulizo maze imbwa zajya
kuyihiga nkazigarura;
maze nahura n'iliya nkware y'ibaba limwe, itagira ukuguru
imbwa zajya kuyihiga nkazigarura;
Maze nakwigira hilya, nahura n'imondo y'umwezi mu nda ;
ikazaguruka ijya haruguru, nkayishibulira imbwa zikayirukana
nkazayica.
Maze nkazabwira Bakosha badahannye na Nyamubikana umuranzi
uruguma; maze nkazabwira Uruzotsa urundi rw'i Nyamirembe
ngo muramenye mutaniga iyo nyamaswa mugapfumura urwo ruhu,
maze nkagenda nkazibuza. Maze yabaye ali jye Lyangombe,
urwo ruhu nkarubaga; nkarubamba ku mubili wanjye,
Maze nkagenda ngasanga baliya bakobwa bali mu mazi.
Bazaba bali kuvoma, maze nkabaka amazi, ngo nimumpe amazi
ninywere, maze bamara kumpa amazi mu ruho, maze nkayasoma
nkayajundika nkayacira uliya mukobwa: umwe azaba ayaga
mo imwe.
Maze uzaba yayaymuhaye, ga azamugwa mu maso !
Maze namara kumugwa mu maso, umukobwa azifata
mu maso azalira !
Jyewe ndi Lyangombe, maze rwa ruhu nkarukura ku mubili,
nkarumukubita mu mutwe, nkarufatisha amaboko yombi
akazagenda ! Bazaza ali umwami azamanura umuheto !

maze bazamusanganira ngo mbe wa mukobwa we icyo kintu witwikiliye niki?
Ni uruhu rw'imondo umugabo ankubise mu mutwe. Naho ni Lyangombe
warumushyizemo. Aliko yabwiye abagaragu be ati mumpe impundu narongoye.
Yewe daweee! Tsinda Lyangombe, Tsinda Minyago, Tsinda Imandwa Nkuru
Ngaho imandwa nkuru zatungutse. Maze yabaye ali jyewe Lyangombe
nagiye mukulikira ngakulikira wa mukobwa.
Maze bazamushamadukira. Se wa wa mukobwa azagirango : Yemwe bana banjye,
umwana ni umwana wakunze undi ! Nimurorere bana banjye mwokagira inka
n'ingoma mwe. Ubwo yamutwikiliye uruhu rw'imondo yamurongoye !!
Mwe kunyicira amavuta y'umwana.
( Ngiyo impamvu yo gutera amavuta )
( ngaho aho impamvu yavuye, ngaho aho ubwende
n'imvano byavuye )

Inanga :

Maze Lyangombe ngo amare guhagarara :

Lyangombe :

Ndi jyewe Lyangombe nahagarara kuli uliya mulinzi, namara
guhagarara ku mulinzi, se wa wa mukobwa akazamusanga aho
maze akamubaza agatinyuka akamuha indaro !
Ndi Lyangombe.

Canamirundi :

Namara kugera mu nzu bazamusengerera ibibindi bibili by'inzoga
bazabishyira mu ndaro, maze bagasukaho ibicuba. Izindi bazazinywa.
Yagera mu gicuku agahagarara ku gisapfu cy'inzu akavuga ati:
Yemwe rubanda rwa Runyange nimunzanire umugore wanjye ndehda
kulyama. Maze umukobwa wazaba bamusize bamunogereje, maze
bazamuzana bazamuhilikira mu nzu, Lyangombe nkamuterura
nkamushyira ku bulili, maze nkamuzongora !

Inanga :

Lyangombe ni Bamara. Bamara ni uwa Ndagara. Yewe Lyangombe .....
Maze ndi Lyangombe nkareka umukobwa agatwara inda. Yamara gutebateba
maze ngashaka impamvu zo kuzagenda. Bazaba bakimura liliye.
Tsinda Lyangombe. Maze Lyangombe mu gihe cyo kugenda, umugore
azaba amaze kubyara, amaze kubyara umwana w'umuhungu.
Ndi Lyangombe nkajya mu ishyamba, namara kugera mu ishyamba
nkazica impara n'imparage; nkazica inyemera. Maze nkayibaga
ngakuramo umukano, nkawukanishiliza Binego bya Kajumba
imandwa nkuru. Nimwumve imandwa nkuru :

Imandwa nkuru ni Lyangombe lya Babinga ba Nyundo.
Ikulikiyeho ni Binego bya Kajumba, na Mugasa Rwayibaba.
Nizo mandwa nkuru kwa Lyangombe lya Babinga. Bambika Bikuranzuzi kwa Kalyango. Iyo ni imandwa nkuru kwa Lyangombe. Na Kazoba.
Izo ni imandwa nkuru kwa Lyangombe. Bambika Lyangombe
Bambika Binego bya Kajumba. Lyangombe, Lyangombe lyanjye .......
Nyamusuzumisha umusore umusonga bakazamubwirwa n'umwaniro,
kandi ni we nyamutwara ijoro ku ijanja, bwajya gucya bakaraza
imilindi y'ingoma n'iy'imandwa ze. Maze Lyangombe, maze Lyangombe.
Maze muramu wa Lyangombe azatanga inka y'impumyi yapfuye amaso,
Bazayiha Binego bya Kajumba. Maze ndi Lyangombe ngahaguruka
nkigendera, maze namara kugenda nkibilira mu murama, ngatunguka
mu mugungu hejuru, maze nkagenda. Maze asanga nyina Nyiralyangombe
Yarateterewe. Asanga ingwe Bugondo yaragiye mu ruzitiro
yarabuze aho anyura, ali kujya guhinga ali kujya kuvoma
asanga yarumye nk'urutare, yarumiwe. Nyiralyangombe azamukubita
amaso azalira. Maze Lyangombe ati ndi Lyangombe.
Maze rero nkajya guhiga nkica iyo ngwe. Namara kuyica,
Mpumutumucunnyi yantumaho ngo muture urwo ruhu nkarumwima.
Maze uwo mwana witwa Binego bya Kajumba, Rukaraba nkaba
Rutobangabituba rwa Nyiramitumbi, imfizi yacu ......
Maze Mpumutumucunnyi ali umugaragu wa se, Mpumutumucunnyi ali
umugaragu wa se, akaba mwene Nyirakagoro ka Ngange ka Mbwembwe
Muzana. Twanganye, twanganye twarwanye, utwa Mbwembwe.
Umva Lyangombe ! Umva Lyangombe ! Umva Lyangombe lyanjye
Yewe Lyangombe. Maze ndi Lyangombe nahaguruka nkagenda nkazajya
kwa Mpumutumucunnyi. Icyo gihe Binego bya Kajumba azaba
yarabaye igihangange. Azaba yabaye umugabo nyekokorero!!
Maze ndi Lyangombe nkagenda nkabuguza na Mpumutumucunnyi
Maze Mpumutumucunnyi azatsinda Lyangombe. Maze nibigera igihe
cyo kumwica, Binego bya Kajumba azaba yasohoye. Maze kandi
wa mugore we ntabwo ndasubira inyuma, ndarangije.

Canamirundi :

Aliko kandi Lyangombe azazira imbogo y'ihembe limwe
Rwabuhalirwa azaba amaze kwibagirwa.

Inanga :

Tsinda. Tsinda Lyangombe ! Tsinda Lyangombe lyanjye !
Tsinda Lyangombe lyanjye. Tsinda Lyangombe
Uli Minyago, uli Bamara ... wa Ndagara,

[illegible]

[illegible]

[illegible] Lyanguhe [illegible]

[illegible]

[illegible]

[illegible]

[illegible]

[illegible] ndemngile,

[illegible]

[illegible] y'thorne [illegible]

[illegible]

[illegible]

[illegible] !

[illegible]

Ndagara ni uwa Ruhinda. Tsinda Lyangombe. Tsinda Mana y'i Rwanda. Tsinda Biganza bigaba amaliza. Uratsinde amahanga wungure u Rwanda rwa Gasabo ka Ndanyoye !!!
Maze Lyangombe, Lyangombe Lyangombe !!!

## IGICE CYA GATATU.

Igice cya gatatu kirakinirwa ahanini kwa Nyiralyangombe. Nyiralyangombe rero abe yambaye nk'uko byavuzwe haruguru. Abe akikijwe n'abakobwa be. Yicaye kandi ku ntebe y'inyarwanda. Bakijya gutangira rero ba bakobwa nibo batangira balirimba indilimbo nyinshi z'ibihozo. Kandi rero babe nanone baliho bakora utulimo twa kinyarwanda. Baramenye ntibicare ubusa, kuko byatera abantu kubarambirwa. Nabo kandi uko bali bwambare byavuzwe.
Iyo badashoboye kubabonera imyambaro yavuzwe haruguru, kandi bakuze badashobora kugenda badahishe amabere; bambara utwenda tugufi rwose. Batega mu mutwe amasunzu. Iyo kubatega amasunzu bidashoboka, bitewe ahali n'aho bakinira n'urugero rw'abakobwa bafashe bakina, noneho bababmbika utuntu tw'imilimbo mu mutwe aliko dusa twose. Icyo bagomba kwilinda ni ukubambika ibintu bya kizungu : inkweto, amasaha, cyangwa se ngo bibeshye babahe ya mitamilizo ya kizungu. Ahubwo bashobora kubakoshereza ingoli. Izo ngoli zigira ibara limwe, kandi rero bilinde kuzishyiraho imitako y'amasaro.

Binego nawe araza guhabwa umwanya muremure muli iki gice. Uko ali bwambare byasobanuwe tugitangira. Ntibibagirwe cyane cyane icumu lye n'inkota. Kandi mbere yo gutangira gukina nibwo babanza gutera ibyuhagiro no kunywa ku ntango. Icyo gihe abakinnyi nibabishobora bakoreshe imvugo y'imandwa. Binego niwe ubimbura.
akagenda ajya kwa Nyiralyangombe.

Binego :

Ndangira inzira Lyangombe lyanjye yanyuzemo.

Nyiralyangombe :

Mbere yewe wa mugabo we ko ndora uli igihangange, ukaba usa na Lyangombe lyanjye.

Binego :

Ndangira inzira Lyangombe yanyuzemo, undangire kwa Mpumutumucunnyi mwene Nyirakagoro ka Ngange ka Mpenbwe ya Muzana, Twangange twanganye, twarwanye, handangire.

Nyiralyangombe :

Dore ni muli ruliya rugo rwera. ( ~~Lyangonve asiga umukobwa we~~ )

Inanga :

Maze Binego bya Kajumba ashyira nzira, aragenda.
Maze ngo amare gutunguka kwa Mpumutumucunnyi ali mwene Nyirakagoro asanga barabuguza bali ku gisoro mu irebe ly'umulyango asanga abimilizi baliniliye arabatatanya!
Binego bya Kajumba, Rukarabankaba, imandwa nkuru yo kwa Lyangombe. amaze kubatatanya, Binego bya Kajumba yakoze ku gikingi cy'irembo cy'epfo kirahilima, akoze ku cya ruguru kirahilima. Maze Lyangombe ntiyakebuka ngo arebe inyuma. Mpumutumucunnyi arateterewa.
Maze Mpumutumucunnyi aranga arabuguza atsinda Lyangombe. Binego bya Kajumba alitegereza, ati: Mbese wa mugabo we witwa Lyangombe, uwo mugabo witwa Mpumutumucunnyi ko agutsinze urabigenza ute ?
Maze Lyangombe aranga alihangana. Lyangombe aba atangiye kwijima mu maso.

Binego :

Wa Mugabo we witwa Lyangombe, kora mu mutwe wanzulire muli kiruruma, maze uhindukire ushyire ruguru iliya nawe umutebe, nicyo gituma agutsinda. Ntuzi guteba. (Maze Lyangombe akora hejuru)
( Amaze kumuteba aramutsinda; afate rero inkota nawe yivuge. Ubwo kandi ni ko abali bali aho batangajwe no kubona Lyangombe atsinda Mpumutumucunnyi. Baliyamilira cyane rero )

Lyangombe :

Ngukuye isunzu ly'ubugabe n'ubugabo, nkunyaze ubuka bwanjye wali warajyanye. Maze Binego bya Kajumba abwira Lyangombe ati:

Binego :

Mbe yewe Lyangombe tora nawe inkota uyimukoze kw'ijosi.
( Lyangombe arabigira )

Inanga :

Lyangombe ! Mbega Lyangombe lyanjye, Yewe Lyangombe !

Mpumutumucunnyi :

( arakaye ) Ubonye uyu mugabo w'igihangange ugiye kuntesha Lyangombe, narahize na Lyangombe.

Inanga :

Maze Binego bya Kajumba afata Mpumutumucunnyi
ali mwene Nyirakagoro ka Ngange ka Mpembwe, Muganza Muzana twanganye, twarwanye. Yamufashe ukuboko agushikakuza akurenza urugo. Maze amukubita ubuhili mu mutwe. Umutwe awasa mo kabili Abali aho bose baratatana. Agarura inka, agarura Kalinga na

Nyamuganza ! Ubwiru n'ingoma yabicyuye kwa nyina Nyiralyangombe
Maze Nyirakajumba avuza impundu. Aragenda Lyangombe ngo amare
kugera mu rugo:

Lyangombe :

Mwana wanjye Binego bya Kajumba, uli Rukaraba nkaba, uli
imandwa nkuru yo kwa Lyangombe, najye ndi imandwa nkuru yo
kwa Babinga ba Nyundo !

Inanga :

Dore Babinga ni uwa Nyundo, Nyundo nawe ni uwa Ndagara,
Ndagara ni uwa Ruhinda, Ruhinda ni mwene Nyamurerwa;
Lyangombe ! Tsinda Lyangombe ! Tsinda Lyangombe lyanjye
Yewe Lyangombe, Lyangombe. Mbega Lyangombe lya Ngomijana.
Maze Lyangombe ngo agere iwe amaze kwicara mu rugo kwa
Nyiralyangombe ingoma zirasuma. ( Bavuze ingoma rero )

Lyangombe :

Emwe Babyeyi babyaye mbuze urupfu rwanyica.

Inanga :

Abonye Binego bya Kajumba yabaye igihangange ali nta kindi
kizamushobora, nawe amaze gukura no kumera imvi, kandi yanga no
kuzimerera mu Rwanda, amaze kubaragura, nta mwami wamerera imvi
mu Rwanda. Lyangombe, Lyangombe, Lyangombe. Imandwa zirasuma
Zimaze gusuma Lyangombe aba aragiye. (Asohoke )
Yahamagaye Bakosha Badahannye, ahamagara Uruzaca urundi rw'i
Nyamirembe, na Nyina wazibyaye zose, Inkanda zirahishira,
Ahamagara Uruciye munsi ntaba azi ikirulimo, ahamagara Bahamira
mu muyaga, na Baliye Muliya, n'inkono y'urupfu ntibura ikiyimara.
izo ni imbwa za Lyangombe. Mbega Lyangombe lyanjye. Iyaa . Shiiii !
Maze imbwa zirasuma zimaze gusuma :

Lyangombe :

Emwe Babyeyi babyaye ! Maze yee Nyiralyangombe, ngiye mu muhigo

Nyiralyangombe :

Mwana wanjye ko ukuze warorera kujya guhiga.

Lyangombe :

Ndanze ndagiye.

Nyiralyangombe :

( atambika umweko mu irembo maze Lyangombe
arakambakamba, umweko arawutambuka. Aragenda.)

Inanga :

Aragenda Lyangombe yica ubunyamaswa munani :
Yica impara yica imparage,

yica ingwe bugondo
yica n'icyana cyayo
yica inturo n'umuturo wayo
yica imondo n'umumondo wayo
Lyangombe yaragiye, ahura n'inyamaswa itagira umulizo:
igihanga cya Mpumutumucumnyi cyahindutseme imbogo
y'ihembe limwe rwabuhalirwa. Maze iragenda ilindira
mu mugina n'icyana cyayo, maze Lyangombe, maze
Lyangombe, maze Lyangombe, Lyangombe.
Ya nyamaswa itagira umulizo, Lyangombe ayishumulira imbwa
zirayica kandi Canamirundi yali yamubujije. Lyangombe yahuye
n'inkware itagira umulizo, y'ibaba limwe, Lyangombe
yayishumulije imbwa zirayica. Yahuye n'urukwavu rutagira ishyira
Lyangombe yarushumulije imbwa zirarwica. Lyangombe aragenda.
Yahuye n'imondo itagira umulizo itagira ukuboko itagira ijisho,
ayishumuliza imbwa zirayica. Kandi Canamirundi yali yarabimubujije
amuragulira. Maze Lyangombe Lyangombe, Lyangombe
Lyangombe arakomeza aragenda amaze kuzica. Lyangombe aragenda
avumbura Nyakiyumbu gihetse imbebe !
Yewe Lyangombe lyanjye !
Bambuka Karenzo Simenya ilimenyimenyi, ibyo wambwiye
ndikubivuga. Shyiiiiiiiiiiiiii !
Maze Lyangombe amaze kuvumbura Nyakiyumbu gihetse imbebe
niyo mbogo y'ihembe limwe, Rwabuhalirwa, maze yamutunze ku
ihembe limwe. Imukubitira ihembe mu rubavu. Maze yaramusimbu-
kishije, imurenza imisozi cumi n'umunani, maze kuwa cyenda,
Lyangombe arahilima ! Yagwiliye ikigaragara, kiti: Mbisa.
Mbese yagwiliye umuhanga uti : Mbisa.
Yagwiliye umusabwa uti: Mbisa .
Maze Lyangombe yifatira mu mulinzi!!!
Lyangombe amaze kwihatira mu mulinzi; cya giko cy'amahwa
kiramufata. Kimaze kumufata Lyangombe aratetererwa !
Imbogo y'ihembe limwe nayo Rwabuhalirwa, maze ihembe nallo lya-
hindutse umutuku !! Ahamagara Bakosha badahannye. (Urwano, abahigi)
Ahamagara Nyamubikana umuranzi uruguma, imbwa za Lyangombe ziraza.
Zimaze kuza arazibwira ati :

Lyangombe :

(aha rero, Lyangombe ni indembe, aragenda yikurura )
Nimugende mubwire Binego bya Kajumba, mubwire na Nyiralyangombe
muti Lyangombe imbogo y'ihembe limwe iramwishe ! Yewe Lyangombe !

Inanga :

Maze inbwa ziragenda, ngo bazikubite amaso zahindutse umwisheke kuko zali zakulikiye ikira Lyangombe yahiniinweno, maze Binego bya Kajumba ati:

Binego :

Mbe yewe Nyirakajumba reba cya cyeso cyavuye kwa Cananirundi hagati y'Ubunyoro n'Ubunyabungo ukikorere Lyangombe yapfuye.

Inanga :

Ayo mahagiro yavuye kwa Cananirundi. Maze Nyirakajumba yikorera cya kigara maze baragenda, basanga Lyangombe yiyatiye mu mulinzi.

Tsinda Lyangombe tsinda, Tsinda Lyangombe, Tsinda ngoma ijana tsinda. Uratsinda nawe Nyagasani karasana kadaseka, njishi ikwiye inka y'ubukombe bwa Mugunya.

Mutagira ngo ndi mu gucuranga, ndi mugucura indundu ngo intunguru inyiyumvire. Bambuka, Bambuka Lyangombe, maze ndenda kubandwa.

Maze Lyangombe ngo akubite Binego bya Kajumba amaso (.......)

(Ibikulikira byose bya Lyangombe bivugishwe inanga kuko wa yarembye)

Lyangombe :

Mbe mwana wanjye urandeba iki ko urwanjye rwancikiyeho, ndenda gupfa. Jya kunzanira inyamaswa inyishe uze nkubwire ndagiye.

Inanga :

Maze Binego bya Kajumba arazamuka arenga imisozi cumi n'umunani ku wa cyenda asanga imbogo y'ihembe limwe Rwabuhayirwa, Asanga ihembe lyahindutse umutuku, maze ngo imubone iva muli wa mugina iramusanga. Yayikubise ihembe, ihembe liraguruka ligenda lisanga Lyangombe muli wa mulinzi . Arayikunungira, arahuragura, arayica n'icyana cyayo. Arabiheka abitura kuli Lyangombe.

Binego :

Mbe dawe Lyangombe ndaguhoreye.

Inanga :

Uwabyaye umwana umwe yabyaye umugabo. Kubyara umwe akaba icyanza kuzarutwa no kwirorerera. Yewe Kamanzi umwana wa Rukanyangira uranyumva, imandwa zirahinze.

Lyangombe :

Umva mwana wanjye naguhaye ubuka bw'ubukara bwakamwaga ubuta bw'ubukara, buturutse i Hangiro lya Kamujwali. Kandi mwana wanjye nakwise Nyamusuzunisha umusore umusonga